Republic of Rwanda

nisr
NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# RWANDA DHS 7

## UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA (NISR)

RWANDA DHS 7

UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA

# Incamake y’ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima

Ukuboza, 2025

**© 2025 Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)**

Iki gitabo ni igice cy'ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima mu Rwanda (RDHS) kandi gishobora kongera gusohorwa cyangwa koherezwa mu buryo ubwo ari bwo bwose hakoreshejwe ikoranabuhanga, gukoporora, gufata amajwi, cyangwa ubundi buryo—hashingiwe ku kubahiriza agaciro n'umwimerere ku byatangajwe.

**Uburyo busabwa bwo kugishyira mu nyandiko (citation):**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), 2025.
ubushakashatsi ku mibereho n'ubuzima mu Rwanda (RDHS7)
Incamake z'Ingenzi. Kigali, Rwanda.

+250 788 38 3103 www.statistics.gov.rw info@statistics.gov.rw @statisticsRW

# Urutonde rw'ibirimo


- Icyegeranyo cy'ibipimo by' ingenzi — 5
- Iby'ingenzi byavuye mu bushakashatsi — 13
  - Uburumbuke — 14
  - kuboneza urubyaro — 16
  - Gutwita kw' abangavu — 18
  - kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana — 20
  - Ubuzima n'Imirire by'Abana — 22
  - Ibipimo by' imfu z'ababyeyi n'abana — 25
  - Inkingo z'abana — 27
  - Agakoko gatera SIDA — 29



nisr
NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

RWANDA DHS 7

UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA

# Icyegeranyo cy'ibipimo by' ingenzi



nisr
NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

RWANDA DHS 7

UBUSHAKASHATSI
KU MIBEREHO
N'UBUZIMA

# Amakuru y' ibanze areba ubushakashatsi

RWANDA DHS 7 UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO N'UBUZIMA

01

## Amateka

Ubushakashatsi ku mibereho n' ubuzima bwa 2025, ni ubushakashatsi bukozwe ku nshuro ya 7 mu Rwanda nyuma y' ubwakozwe mu myaka ya 1992, 2000, 2005, 2010, 2015 na 2020 muri gahunda isanzwe ikorwa mu bihugu bitandukanye ku isi hagamijwe kugaragaza ibipimo by' ubuzima n' imibereho y' ababituye.

02

## Imiterere rusange

Ubu bushakashatsi bugamije gutanga amakuru ku bipimo by' imibereho n'ubuzima ku rwego rw' igihugu, urwego rw' intara, uturere ndetse no mu bice by' imijyi n' icyaro

# Intego nyamukuru y' ubushakashatsi



Intego nyamukuru y' ubushakashatsi ku mibereho n' ubuzima bwa 2025, ni ugutanga amakuru ajyanye n' igihe ku bipimo by' ibanze birebana n'imibereho n' ubuzima by' abaturarwanda.

# Uko guhitamo ahakorerwa ubushakashatsi n' abakorerwaho ubushakashatsi byakozwe

## Udupande tw' ibarura:

Urutonde rwuzuye rw' udupande tw' **ibarura rusange ry' abaturage** n' imiturire mu Rwanda ryakozwe mu mwaka wa 2022 nirwo rwifashishijwe mu guhitamo udupande tw' ibarura twakorewemo ubu bushakashatsi.

## Guhitamo ku rwego rwa mbere ahazakorerwa ubushakashatsi:

Udupande tw' ibarura 560 duhagarariye ibindi bice bigize igihugu, harimo udupande 198 two mu bice by' imijyi na 362 two mu bice by' icyaro

## Guhitamo ku rwego rwa kabiri ahazakorerwa ubushakashatsi:

Hatoranyijwe ingo 26 muri buri gapande k'ibarura. Ingo zose zatoranyijwe ni 14,560.

**Abagore** bose bafite imyaka **15 kugeza kuri 49 bo mu ngo zose zatoranyijwe**,

**n'abagabo** bafite imyaka 1**5 kugeza kuri 59 bo mu ngo zigize kimwe cya kabiri cy' ingo zatoranijwe** nibo babajiwe.

**Ibipimo ndangamikurire** (ibiro n' uburebure) byafashwe ku bana bose bafite munsi y'imyaka 5 bo mu ngo zatoranyijwe.

**Ibipimo by'ubuzima (biomarkers) n'ibipimo ndangamikurire (anthropometry) ku bantu bakuru (abagabo n'abagore)** byafashwe mu ngo zatoranyirijwe kubazamo abagabo.

# Ibikorwa by' ingenzi byaranze ubushakashatsi

**Amahugurwa ku bazakora ubushakashatsi:** **01**

**Yabaye guhera taliki ya 4 Gicurasi kugeza taliki ya 3 kamena 2025**

- Umubare wose w' abahuguwe ni 173 bagizwe na:
  - Abakarani b' ibarura 121
  - Abafata ibipimo bijyanwa muri laboratwari 52

**Ikusanyamakuru:** **02**

**ryakozwe kuva taliki ya 5 Kamena kugeza ku ya 25 Ukwakira 2025**

- Uburyo bw' ikusanyamakuru:Hakoreshejwe uburyo bw' ikoranabuhanga (CAPI)

- Ihererekanyamakuru: buri munsi, amakuru yakusanyijwe yoherezwaga ku biro bikuru by' ikigo cy' ibarurishamibare

**Gusuzuma no kwemeza ubuziranenge bw' amakuru byarangiye** **03**

**hagati mu kwezi k' Ugushyingo 2025**

# Imbonerahamwe igaragaza ingo zasuwe n' abantu babajijwe

## Ingo zasuwe

| Ingo zose zatoranyijwe | Ingo twasanze zituwe | Ingo zabajijwe | Ijanisha ry' ingo zabajijwe |
|---|---|---|---|
| 14,560 | 14,434 | 14,427 | 99.9 |

## Abagore bafite imyaka 15-49

| Abagore bagombaga kubazwa | Abagore babajijwe | Ijanisha ry' abagore babajijwe |
|---|---|---|
| 14,396 | 14,283 | 99.2 |

## Abagabo bafite imyaka 15-59

| Abagabo bagombaga kubazwa | Abagabo babajijwe | Ijanisha ry' abagabo babajiwe |
|---|---|---|
| 6,667 | 6,548 | 98.2 |



nisr
NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA

The RWANDA DHS 7

UBUSHAKASHATSI
KU MIBEREHO
N'UBUZIMA

# Iby'ingenzi byavuye mu bushakashatsi

Ubushakashatsi ku Mibereho n'Ubuzima

# Ibipimo by'Uburumbuke

## Impinduka z' igipimo cy' uburumbuke




Ibipimo by'uburumbuke byagiye bigabanuka uko imyaka yagiye itambuka



## Impinduka z' igipimo cy' uburumbuke hakurikijwe intara abantu batuyemo




Igabanuka ryo hejuru ryagaragaye mu ntara y' Iburengerazuba niy Amajyaruguru

**Impinduka z' igipimo cy' uburumbuke hakurikijwe ibice abantu batuyemo**

**3.9** — **Mu bice by' icyaro**
Bivuye kuri **4.3** muri 2019-20

**3.4** — **Ibice by' imijyi**
Nubundi byari **3.4** muri 2019-20

# Umubare w' abana wifuzwa

## Ijanisha ry'umubare w'abagore bafite imyaka 15-49 bafite abagabo, ukurikije umubare w' abana bifuza kubyara




## Impinduka ku gipimo cy' abagore bafite abagabo bifuza kubyara undi mwana



# Igipimo cy'abakeneye serivisi zo kuboneza urubyaro

**Ijanisha ry' abagore bafite imyaka 15-49 bafite abagabo bifuje kuboneza urubyaro ntibikunde, abakoresheje uburyo bwo kuboneza urubyaro, n' abifuje bose kuboneza urubyaro:**




## Impinduka z' ibipimo ku bakoresheje n' abifuje kuboneza urubyaro

Ijanisha ry' abagore bafite imyaka 15-49 bafite abagabo




**Igipimo cy'abakeneye serivisi zo kuboneza urubyaro hakurikijwe ibice abantu batuyemo**

**71%** — **Mu bice by' icyaro**
Bivuye kuri **65%** muri 2019-20

**65%** — **Ibice by' imijyi**
Bivuye kuri **61%**muri 2019-20

# Gukoresha uburyo bwo kuboneza urubyaro






# Impinduka ku gipimo cyo gutwita kw'abangavu

## Impinduka ku gipimo cyo gutwita kw'abangavu (15-19)




Habaye ubwiyongere bw'abangavu baterwa inda mu myaka 5 ishize



## Ijanisha ry' abangavu bigeze gutwita hakurikijwe imyaka yabo



# Ugutwita kw'abangavu ukurikije icyiciro cy'amashuli bize




Ijanisha ry' abangavu bafite imyaka 15-19 bigeze gutwita




Icyiciro cy'amashuli makuru ntago cyashyizwemo bitewe n'umubare wabo utari mwinshi

# kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana

## Mu myaka 2 ibanziriza ubushakashatsi:

### Ijanisha ry'abagore bafite imyaka 15-49 babyaye umwana muzima cg upfuye






### Ijanisha ry' abagore bafite imyaka 15-49 bigeze kubyara umwana muzima cyangwa akavuka apfuye




**Nibura kwipimisha inshuro 4 hakurikijwe ibice abantu batuyemo**

**Mu bice by' icyaro**
80%
Bivuye kuri **47 %** muri 2019-20

**Ibice by' imijyi**
73%
Bivuye kuri **49 %**muri 2019-20

* Umukozi wo kwa muganga ubifitiye ububasha bivuze dogiteri, umuforomo cyangwa umubyaza wabyize.

# Impinduka mu kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana

Serivise zo kwipimisha inda nibura inshuro 4 mbere yo kubyara




Impinduka ku gipimo cy' abagore babyajwe n'umukozi wo kwa muganga ubifitiye ububasha




kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana byakomeje kwiyongera uko imyaka yagiye itambuka

# Impinduka ku bipimo bigaragaza imirire y' abana



Ijanisha ry'abana bari munsi y'imyaka 5 bagaragaweho n'imirire mibi hagendewe ku bipimo ngenderwaho mu kugenzura imikurire y'abana byashyizweho n' ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita kubuzima mu mwaka wa 2006




**Ubwiganze Bw'igwigira hakurikijwe ibice abantu batuyemo**

| | |
|---|---|
| **30%** **Mu bice by' icyaro** Bivuye kuri **36 %** muri 2019-20 | **19%** **Ibice by' imijyi** Bivuye kuri **20 %** muri 2019-20 |

# Uko igwingira ry'abana rihagaze hakurikijwe uturere batuyemo

Igipimo cy'igwingira (stunting) cyari kirenze 30% mu turere 20.




Igipimo cy'igwingira (stunting) kirenze 30% mu turere 11.



# Impinduka ku bipimo by' ababyeyi bonsa uko bikwiye



**Ijanisha ry' abana bafite amezi kuva kuri 0 kugeza kuri 5 bonkejwe uko bikwiye**




Konsa uko bikwiye abana bafite amezi kuva kuri 0 kugeza kuri 5 byari ku kigero cya 83% mu mwaka wa 2000 bikaba byaragumye ku kigero kiri hagati ya 80% na 90% mu myaka 25 ishize

# Ibipimo by' imfu z' abana

Umubare w' imfu ku bana 1,000 bavutse ari bazima mu gihe cy' imyaka 5 ibanziriza ubushakashatsi




**Imfu z' abana batarengeje iminsi 28**: Ibyago byo gupfa mu kwezi kwa mbere umwana avutse.

**Imfu z'abana barengeje ukwezi ariko bataruzuza umwaka**: Ibyago byo gupfa hagati y' ukwezi n' isabukuru yabo ya mbere y' amavuko.

**Imfu z' abana batujuje umwaka:** : Ibyago byo gupfa hagati y' umunsi w' ivuka n' umunsi w' isabukuru ya mbere y' amavuko..

**Imfu z'abana barengeje umwaka ariko bataruzuza imyaka 5**: Ibyago byo gupfa hagati y' isabukuru ya mbere n' iya 5 y' amavuko..

**Imfu z' abana bari munsi y'imyaka itanu**: Ibyago byo gupfa hagati y' umunsi w' ivuka n' isabukuru ya 5 y' amavuko.

# Impinduka zigaragara mu bipimo by' imfu z' abana

## Umubare w' imfu ku bana 1,000 bavutse ari bazima mu gihe cy' imyaka 5 ibanziriza ubushakashatsi




## Ibipimo by'imfu z'ababyeyi bapfa babyara mu bihe bitandukanye bya DHS




Impfu z'abana n'ababyeyi zakomeje kugaragaza igabanuka.

# Gukingira abana



Umwana ufite amezi ari hagati ya 12 na 23 afatwa nk'uwakingiwe byuzuye inkingo z'ibanze ndetse n'iziteganywa na gahunda y'igihugu yo gukingira, iyo yarahawe izi nkingo zikurikira:

| **Urukingo** | **Gahunda y'Igihugu yo Gukingira** | **Mpuzamahanga** ( Inkingo z'Ibanze ) |
|---|---|---|
| BCG | ✓ | ✓ |
| Inshuro 3 z'urukingo rwa DPT-HepB-Hib | ✓ | ✓ |
| Inshuro 3 z'urukingo rwa Poliyo | ✓ | ✓ |
| Inshuro 1 y'urukingo rw' iseru–Rubeyore | ✓ | ✓ |
| Inshuro 2 z'urukingo rw' iseru–Rubeyore | ✓ | ✗ |
| Inshuro 1 y'urukingo rwa Poliyo rutari urworoheje (IPV) | ✓ | ✗ |
| Inshuro 3 z'urukingo rwa Pneumokoke | ✓ | ✗ |
| Inshuro 2 z'urukingo rwa Rotavirusi | ✓ | ✗ |
| Urukingo rwa Poliyo ku ivuka | ✓ | ✗ |

# Impinduka ku bipimo by' inkingo z'abana

## Ijanisha ry'abana bakingiwe bafite amezi ari hagati ya 12 na 23




## Igipimo cy'ikingirwa mu bana bafite amezi ari hagati ya 12 na 23



# Ubumenyi ku gakoko gatera sida no kukirinda

Isuzumabumenyi ryashingiye ku myizerere itari yo n'ukuri ku bijyanye na virus itera Sida

## ✕ Imyizerere

HIV ishobora gukwirakwizwa no kurumwa n'umubu

HIV ishobora gukwirakwizwa no gusangira ibyo kurya n'umuntu wanduye

Umuntu ashobora kwandura HIV binyuze mu marozi cyangwa imbaraga zidasazwe

## ✓ Ukuri

Umuntu usa n'ufite ubuzima bwiza ashobora kuba afite HIV.

Gukoresha agakingirizo buri gihe bigabanya ibyago byo kwandura HIV.

Kugira umukunzi umwe w'ukuri kandi utanduye bigabanya ibyago byo kwandura HIV.

Gusiramurwa ku mugabo bigabanya ibyago byo kwandura HIV.

# Ubumenyi ku bijyanye no kwirinda Virus itera sida mu rubyiruko

## Ijanisha ry'abakobwa n'abahungu bafite imyaka 15–24 bafite ubumenyi ku kwirinda Virusi itera Sida






## Impinduka ku gipimo cy'ubumenyi ku kwirinda virus itera Sida mu bakobwa n'abahungu bafite imyaka 15–24



# Gupima Virusi itera Sida

Ijanisha ry'abagore n'abagabo bapimwe bafite imyaka 15–49



Republic of Rwanda
Ministry of Health

rbc RWANDA BIOMEDICAL CENTER
A Healthy People. A Wealthy Nation

NCDA
National Child Development Agency

EXPERTISE FRANCE
GROUPE AFD

United Nations RWANDA
Unity in Diversity

unicef
for every child

UNDP

World Health Organization

UNFPA

UN WOMEN
United Nations Entity for Gender Equality and the Empowerment of Women

WFP
World Food Programme

WORLD BANK GROUP

PLAN INTERNATIONAL

Partners In Health

AHF

GF Gates Foundation

CLINTON HEALTH ACCESS INITIATIVE

World Vision